

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 005/07.01 YO KUWA 11 UKWAKIRA 2021
AJYANYE NO KUYOBORA BY'AGATEGANYO AKARERE GAFITE UBUZIMA
GATOZI MU GIHE CY'AMATORA Y'ABAJYANAMA**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,

Ashingiye ku itegeko N° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere cyane cyane mu ngingo zaryo ya 51;

Ashingiye kuri gahunda rusange y'amatora y'abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n'ab'inzego zihariye;

Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho imirongo ngenderwaho mu gihe cyo kuyobora by'agateganyo Akarere gafite ubuzimagatozi mu gihe cy'amatora y'Abajyanama;

Ashyizeho amabwiriza akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza ashiraho imirongo ngenderwaho yo kuyobora by'agateganyo Akarere gafite ubuzimagatozi mu gihe cy'amatora y'Abajyanama.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

1° Igihe cy'amatora y'Abajyanama mu Karere: ni igihe gitangira kuva ku munsu Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangiye burundu kandidatire zemewe z'abifuzaga kujya mu Nama Njyanama y'Akarere kikageza ku munsu abagize Komite Nyobozi y'Akarere batowe barahiriye.

2° Akarere gafite ubuzimagatozi: Ni Akarere katari ako mu Mujyi wa Kigali.



UMUTWE WA II: UBUYOBOZI BW'AGATEGANYO MU GIHE CY'AMATORA Y'ABAJYANAMA

Icyiciro cya mbere: Abashinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere mu gihe cy'amatora

Ingingo ya 3: Umuyobozi w'Akarere mu gihe cy'amatora y'Abajyanama

Mu gihe cy'amatora y'Abajyanama, Akarere gafite ubuzimagtozi kayoborwa by'agateganyo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wako. Iyo adahari cyangwa agize impamvu iyo ariyo yose imubuza gukora iyo mirimo, Akarere kayoborwa by'agateganyo n'Umuyobozi w'imirimo rusange (Corporate Services Division manager).

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Umuyobozi w'imirimo rusange (Corporate Services Division Manager) bombi badahari, Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze agena umwe mu bakozi b'Akarere uyobora Akarere by'agateganyo.

Icyiciro cya 2: Inshingano z'ushinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere mu gihe cy'amatora

Ingingo ya 4: Inshingano z'ushinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere

Uyobora Akarere mu gihe cy'amatora y'Abajyanama ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

- Gukurikiranira hafi ibikorwa by'Akarere n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo
- Gukurikiranira hafi ibikorwa by'amatora mu Karere no kurebera hamwe n'inzego bireba imigendekere myiza yayo
- Guhagararira Akarere imbere y'izindi nzego
- Kuyobora Akarere akurikije amategeko
- Kwita ku bikorwa bijyanye no kubungabunga umutekano mu Karere
- Gukemura ibibazo byihutirwa birebana n'imiyoborere
- Gukurikiranira hafi imiyoborere y'inzego z'Imitegekere y'Igihugu akuriye
- Gutegura neza inyandiko zijyanye n'iherekanyabusha
- Kwita ku nshingano zijyanye n'imirimo ye asanzwe akora
- Gukora indi mirimo ashobora guhabwa n'inzego za Leta

Ingingo ya 5: Ibibujijwe uyobora by'agateganyo Akarere

Uyobora Akarere by'agateganyo mu gihe cy'amatora y'Abajyanama, ntiyemerewe:

- Gufata ibyemezo biri mu bubasha bw'Inama Njyanama
- Gufata ibyemezo binyuranyije n'amategeko
- Gukora ibikorwa ibyo aribyo byose byabangamira imigendekere myiza y'amatora
- Gushyira abakozi mu myanya cyangwa kubirukana



UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 6: Ihererekanyabubasha

Hagati y'Umuyobozi w'Akarere urangije manda n'ugiye kuyobora Akarere by'agateganyo hakorwa ihererekanyabubasha ry'agateganyo rizuzuzwa n'iherekanya bubasha rizakorwa amatora asoje.

Ingingo ya 7: Ibyerekeye abari bagize Komite Nyobozi

Abari bagize Komite Nyobozi y'Akarere, mu gihe cy'amatora bakomeza kuba hafi kugira ngo baramutse bakenewe bashobore gutanga umusanzu w'inama n'ibitekerezo mu bijyanye n'imirimo bari basanzwe bakora igihe babisabwe n'inzego zibifitiye ububasha.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abari bagize Komite Nyobozi mu gihe cy'amatora

Mu gihe cy'amatora kivugwa mu ngingo ya 2 y'aya mabwiriza, abari bagize Komite Nyobozi y'Akarere, bakomeza guhabwa ibyo bagenerwaga n'amategeko byose.

Ingingo ya 9: Inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza

Ubuyobozi bw'Uturere busabwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza.


Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu ashiriyeho umukono.

Bikorewe, i Kigali kuwa 11/10/2021


GATABAZI Jean Marie Vianney
Minisitiri

